FDU-INKINGI

Forces Démocratiques Unifiées

United Democratic Forces

☐+44-7988-883-576 ☐ info@fdu-rwanda.com
http://fdu-rwanda.com, http://victoire-ingabire.com
COMITE DIRECTEUR – STEERING COMMITTEE
"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Egalité de chances" ; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

UBUTUMWWA BW'ISHYAKA FDU–INKINGI KU MUNSI W'ISABUKURU Y'IMYAKA 58 U RWANDA RUMAZE RUBAYE REPUBULIKA

Banyarwanda, Banyarwandakazi, nshuti z'u Rwanda,

Iyi tariki ya 28 Mutarama 2019, ni isabukuru y'imyaka 58 u Rwanda rumaze rubaye Republika. Tuributsa ko inyito repubulika ituruka ku magambo abiri y'ikiratini (res publica) avuga ko ifatwa ry'ibyemezo bireba buri muturage, kandi ko abaturage aribo bafite ijambo rya nyuma ku micungire y'igihugu, bakabikora binyuze mu matora adafifitse.

Kw'itariki ya 28 Mutarama 1961 niho abayobozi b'amakomini yose yo mu Rwanda bashyizweho n'amatora yabaye kuva kw'itariki ya 26 kugeza kw'itariki ya 30 nyakanga 1960, bateraniye i Gitarama bafashe icyemezo cyo guhindura imiyoborerere y'igihugu ikava k'ubutegetsi bushingiye k'ubwami hakajyaho ubutegetsi bushingiye kuri Repubulika.

Nubwo abantu basobanura kwinshi iki icyemezo cyafashwe, icyo twese tugomba kuzirikana nuko iki cyemezo cyahinduye amateka y'Urwanda. Kuva icyo gihe Urwanda rwabaye Repubulika kandi ubutegetsi uko bwagiye busimburana ntabwigeze bunenga icyo cyemezo. Ntabwo dushidikanya ko abanyarwanda benshi bashima ubuyobozi bushingiye kuri Repubulika.

Umunsi nkuyu wari ukwiye kutubera umwanya mwiza wo gutekereza icyatumye abanyarwanda benshi bivumbura bakanga ubutegetsi bwa cyami bagahitamo repubulika no kureba niba abafashe ubuyobozi bw'igihugu, mu gihe cya Repubulika barubahirije inshingano zabo. Tukihatira gukosora ibitaragenze neza tukubakira ku byiza bakoze. Ku munsi nkuyu kandi tugomba gushimira abagize uruhare mu kurwanira impinduka, banamagana akarengane, n'ubuyobozi butubahiriza demokarasi, bakahatera ubuzima bwabo.

Impamvu yatumye ubutegetsi bwa cyami bwarahirimye nuko bwarangwaga n'akarengane, ubusumbane mu bana b'u Rwanda no kudaha icyizere buri wese ko ashobora kubaho mu bwisanzure no kugira uruhare ku byiza by'igihugu.

Uyu munsi rero nk'abanyarwanda ni uwo gutekereza ku miyoborere y'igihugu cyacu uko iri muri iki gihe. Uyu munsi Abanyarwanda benshi barakubwira ko ubutegetsi buri kubasaba ibirenze ubushobozi bwabo, imisoro n'andi mafaranga bagenda bakwa iratuma badashobora kwiteza imbere igihe bivugwa ko ubukungu bw'igihugu buzamuka buri mwaka. Bacye barakize ariko umubare munini w'Abanyarwanda uracyennye. Umwana w'umukene aratsinda amashuri ariko ntashobore kujya kwiga kubera ko ibyo asabwa nta bushobozi bwabyo afite. Agahitamo kwigumira m'urugo. Ibi bikaba bijyana mu kwimakaza ubusumbane hagati y'Abanyarwanda. Abitwa ko bagize ubushobozi bwo

kwiga nabwo kubera kutagira igenamigambi rihamye (planification) mu burezi bw'igihugu cyacu, impinduka za buri kanya bigatuma ireme ry'uburezi naryo rihera hasi. Ibi bikaba bizatuma wa mugambi wo kugira ubukungu bushingiye k'ubumenyi utagerwaho igihugu cyacu kikaguma mu bukene.

Birabaje ko mu gihugu cyacu hakivugwa ibura ry'abantu kandi dufite inzego z'umutekano zihagije. Ni ngombwa ko umuntu niba hari icyo ubutegetsi bumubaza bikorwa binyuze mu nzira z'amategeko. Uwafashwe nawe agashyikirizwa inzego zibishinzwe, agahabwa ubutabera mu gihe gikwiye. Hari ibintu maze iminsi mbona iyo ngiye mu byaro, usanga hari abasore n'inkumi bakora ibintu byo gukanga abantu umuntu aba avugana nabo, bafata amafoto naza telefone. Birakwiye ko umunyarwanda wese atekana, akavugana nuwo ashaka adakebaguza. Ntawe uza kumufotora no kujya kumutangaho rapport ngo avugana n'umwanzi. Ni ngombwa ko inzego z'ubutegetsi k'urwego urwo ari rwo rwose bumva ko kutabona ibintu kimwe n'ubutegetsi atari ukwanga igihugu. Abanyarwanda bakeneye umutekano wo ku mutima no ku mubiri, kandi ntibyari bikwiye igihe tuvuga ko turi muri Repubulika y'igenga.

Repubulika nyayo yagombye kurangwa n'ubutegetsi bucunga neza ibya rubanda kandi bukabikora bufatanyije na rubanda, mu nyungu za rubanda. Rubanda itekanye.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, nshuti z'u Rwanda,

Ishyaka FDU-INKINGI riharanira ko ubutegetsi bwakongera kugaruka mu nzira nziza, abaturage bagahabwa ijambo mu byemezo byose bifatwa bibareba, kugira ngo bakore ibyo basabwa basobanukiwe kandi bazi icyo bizabagezaho. Ngiyo Repubulika twifuza, Repubulika ishyira imbere gushyikirana hagati y'abayobozi n'abayoborwa kugira ngo iby'Abanyarwanda bicungwe neza kandi mu nyungu zabo. Twe nk'ishyaka FDU-INKINGI, Repubulika twifuza ni iyubahiriza amategeko n'uburenganzira bw'ikiremwa muntu, ni ihumuriza buri wese kugira ngo abana b'u Rwanda bose barubanemo nta mwiryane, nta busumbane imbere y'amategeko no mu ngiro.

Ishyaka FDU-INKINGI rirashishikariza abanyarwanda bose ko iyo ntego yo kubaka Repubulika itubereye twese bayigira iyabo, maze tugafatana urunana, tugatizanya ingufu. Kugira ngo ibyo bigerweho, Ishyaka FDU-INKINGI ryiyemeje kuba Intwararumuri muri iyo nzira no gufata iya mbere muri icyo cyerekezo.

Iyi sabukuru y'imyaka 58 u Rwanda rumaze rubaye Republika nibe umwanya wo gutekereza ejo hazaza no gufata ibyemezo kuri buri wese ku ruhare yagira mu kubaka Repubulika twese twibonamo.

Mbifurije isabukuru nziza.

Twese hamwe tuzatsinda.

Bikorerwa i Kigali kuri 28 Mutarama 2019.

Victoire Ingabire
Prezidante wa FDU-Inkingi